Babonye 200.000 frw

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'URUBYIRUKO,**
**SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA**
**IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P 10 44 KIGALI.**

**Kigali, kuwa 5/8/98**

File
28/8/98

Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko,
Siporo, Umuco no Kwigisha imyuga
Iciriritse.

**Binyujijwe** : Ku muyobozi w'Urubyiruko

**Impamvu :** Gusabira umushinga amafaranga akenerwa buri munsi (Petty cash)

Nyakubahwa Minisitiri,

Nkuko mu bizi, igihe ingando ziba ziri mu bikorwa byazo, hakunze gukenerwa amafaranga agenerwa ibikorwa binyuranye, ariko cyane cyane igihe zitegurwa nigihe zisozwa abakozi bo mu mushinga w'Ingando, bahora banyarukira kuri site bajyanywe no gutegura ; kugemura, kurebaho imilimo y'Ingando igeze guherekeza abashyitsi cyangwa gusoza ingando.

Ibyo rero bigasaba amafaranga ya Mission ndetse, hakaba rimwe na rimwe Missions zisa nkizitunguranye ubwo rero uburyo bwo kunyura mu nzego kugirango amafaranga azaboneke ntibiba bigishobotse akazi kakadindira cyangwa kagakorwa nabi. Ha mbere mwari mwadusabye ububikobufite umutekano (Coffre-fort) hashize amezi ane twakiriye uwo mutamenwa nubwo utariwarihwa, ushobora kudufasha ngo tubikemo ayo mafaranga, impapuro zisobanura imikoreshereze yayo mafaranga nazo zajya zitangwa igihe bibaye ngombwa nukuvuga Petty Cash ishize. Bibaye bishobotse ayo mafaranga agatangwa, nasabako nibura 500.000 Frw yagenerwa umushinga kubera impamvu navuze hejuru, nkaba kandi nizerako imilimo yarushaho kwihuta no gutungana.

Ndangije mbashimira uburyo bwiza, mwakirana iyi nyandiko.

**HIGIRO Charles**
Umuhuzabikorwa wungirije
mu mushinga w'Ingando

**Bimenyeshejwe :**

- Umunyamabanga mukuru muri MIJESCAFOP